FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali
Email : ferwafa@yahoo.fr
Web site: www.ferwafa.rw

AMABWIRIZA AGENGA IRUSHANWA RYA "HEROISM FOOTBALL TOURNAMENT" UMWAKA WA 2019.

Ingingo ya 1.

Amabwiriza agenga irushanwa rya "Heroism Football Tournament" ashyirwaho na FERWAFA.

Ingingo ya 2.

Irushanwa rya 'Heroism Football Tournament 2019' riteganyijwe tariki ya 26-29/01/2019 n'itariki ya 01/02/2019, rikazitabirwa n'amakipe ane (4) ya mbere muri ARPL 2017-2018.

Ingingo ya 3.

Ikipe izakinisha abakinnyi bayo bafite licence ya 2018-2019 n'abandi batatu (3) bashobora kuba bari mu igererazwa. Ikipe ikaba isabwa kugeza kuri FERWAFA abo bakinnyi batatu bitarenze tariki ya 22/01/2019.

Ingingo ya 4.

FERWAFA niyo itanga gahunda yerekana uko amakipe azahura, ibibuga bizakinirwaho, igashyiraho abasifuzi n'abakomiseri bazayobora iyo mikino.

Ingingo ya 5.

Amakipe azahura mu buryo bwa shampiyona nyuma ikipe iyoboye urutonde yegukane Igikombe.

Ingingo ya 6.

Urutonde ruzakorwa hagendwe kuri ibi bikurikira:

- Ikipe ifite amanota menshi nyuma y'imikino yose;
- Ikinyuranyo cy'ibitego nyuma y'imikino yose;
- Ikipe yatsinze ibitego byinshi mu mikino yose;

Mu gihe, nyuma y'ibyavuzwe haruguru habonetse amakipe abiri cyangwa arenga anganya, hazagenderwa kuri ibi bikurikira:

1. Amanota yabonye ku mikino yayahuje;
2. Ikinyuranyo cy'ibitego ku mikino yayahuje;
3. Iyatsinze ibitego byinshi mu mikino yayahuye;
4. Amanota ya "Fair play" abarwa hagendewe k'umubare w'amakarita ikipe yabonye ku mikino yakinnye

- Ikarita y'umuhondo: -1
- Amakarita abiri y'umuhondo mu mukino atanga itukura : - 3
- Ikarita itukura: - 4
- Ikarita y'umuhondo n'ikarita itukura: - 5

Ingingo ya 7.

Umukinnyi wahawe ikarita y'umutuku ahagarikwa umukino ukurikira, Umukinnyi wahawe ikarita ebyiri z'umuhondo mu mikino ibiri itandukanye ahagarara umukino ukurikira.

Ingingo ya 8.

Ibijyanye no gutegura i kibuga kizakinirwaho irushanwa bireba ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda (FERWAFA).

Ingingo ya 9.

Ikipe isabwa kwambara imyenda yabugenewe ya siporo ifite inimero, kandi iyavuzwe bwa mbere niyo iba yasuwe bityo iyavuzwe bwa kabiri isabwa kwitwaza imyambaro ibiri mu rwego rwo kudahuza ibara n'iyasuwe.

Ingingo ya 10.

FERWAFA izagena isaha n'aho imikino izabera. Amakipe agomba kugera ku kibuga isaha imwe n'igice mbere y'isaha yagenwe y'umukino.

Ingingo ya 11.

Ikipe yemerewe gusimbuza abakinnyi batanu (5) mu mukino umwe.

Ingingo ya 12.

Gutanga ikirego bikurikiza amategeko asanzwe ya FERWAFA, mu bihe byateganyijwe, kandi bigatangirwa ibimenyetso bigaragara nk'uko amategeko yavuzwe haruguru abiteganya.

Ingingo ya 13.

Iyo umukino uhagaze bitewe n'impamvu z'ibiza (cas de force majeur) ukomereza aho wari ugeze ku munsi ukurikira ugakinwa iminota yari isigaye. Ibitego, amakarita byabonetse mu mukino wa mbere birakomeza bikabarwa kandi hakina abakinnyi bari mu kibuga igihe umukino wari uhagaze.

Ibitagaragaye muri aya mabwiriza hifashishwa amategeko agenga amarushanwa y'umupira w'amaguru mu Rwanda, CAF ndetse na FIFA.

Bikorwe i Kigali, ku wa 18/01/2019

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P. 2000 Kigali
Tél: 518525
Fax: 518523

UWAYEZU F. Regis
Umunyambanga Mukuru

Fédération Rwandaise de Football Association